ITEGEKO NGENGAMIKORERE RYAVUGURUWE RYA DGPR-GREEN PARTY

## IRIBURIRO

### 1. Impamvu y'iri vugururwa

Aya mategeko ngengamikorere yavuguruwe yateguwe hagamijwe guhuza imikorere y'Ishyaka Riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije mu Rwanda (DGPR-GREEN PARTY) n'Amategeko shingiro yavuguruwe kandi yatangajwe mu Igazeti ya Leta yo ku wa 26 Gashyantare 2024.

Amategeko ngengamikorere yari asanzweho kuva muri Kamena 2013 yari ashingiye ku mategeko shingiro ya mbere y'Ishyaka n'imiterere y'inzego zari zihari icyo gihe. Nyuma y'ivugururwa ry'amategeko shingiro ryabaye muri Gicurasi 2023, hashyizweho inzego nshya, amahame mashya, uburyo bushya bw'imiyoborere n'imikorere.

**Bityo rero, iri vugururwa:**

- Rihuza amategeko ngengamikorere n'amategeko shingiro yavuguruwe;
- Risobanura neza uburyo bw'imikorere butavuzwe birambuye mu mategeko shingiro;
- Rishyiraho uburyo burambuye bwo kuyobora no kubazwa inshingano;
- Rishyiraho uburyo bw'ibihano n'amatora bujyanye n'amategeko nshingiro yavuguruwe;
- Rikomeza imikorere inoze, demokarasi, uruhare rw'urubyiruko, uruhare rw'abagore, uburinganire, ubwuzuzanye n'ubunyamwuga.

### 2. Isuzumampamvu ry'impinduka z'ingenzi

Impinduka nshya zashyizwemo zirimo:

- Gushyiraho inzego z'urubyiruko n'iz'abagore;
- Gushyiraho uburyo burambuye bw'amatora;
- Gushyiraho Komite Ngenzuzi y'Umutungo;
- Kwagura uburyo bwo gukemura amakimbirane n'ibihano;
- Gushyiraho uburyo bw'itumanaho n'itangazamakuru;
- Gushyiraho uburyo bwo gufata ibyemezo byihutirwa;
- Gushyiraho ihame ryo gukomeza imirimo n'umubare ngombwa w'abitabira inama.

## INTERURO YA MBERE: AMATEGEKO NGENGAMIKORERE YAVUGURUWE

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

**Ingingo ya mbere: Intego y'aya mategeko ngengamikorere**

NOTERI
MUHIZI ALEXIS

Aya mategeko ngengamikorere yashyizweho hashingiwe ku mategeko shingiro yavuguruwe ya DGPR-GREEN PARTY yatangajwe mu Igazeti ya Leta No 09 Bis yo ku wa 26/02/2024.

**Ingingo ya 2: Abo bireba**

Aya mategeko ngengamikorere agomba kubahirizwa n'abarwanashyaka bose, inzego zose, abakozi, abakorerabushake n'abayobozi ba DGPR-GREEN PARTY.

**Ingingo ya 3: Amahame agenga imikorere y'Ishyaka**

Inzego z'Ishyaka n'abarwanashyaka baryo bagomba gukorera mu mahame akurikira:

- Demokarasi;
- Gukorera mu mucyo;
- Kubazwa inshingano;
- Kurengera ibidukikije;
- Uburinganire;
- Uburenganzira bwa muntu;
- Ubunyangamugayo;
- Ubworoherane.

**UMUTWE WA KABIRI: ABARWANASHYAKA**

**ICYICIRO CYA MBERE:KUBA UMURWANASHYAKA N'IBYICIRO BYABARWANASHYAKA**

**Ingingo ya 4: Ibyiciro by'abayoboke**

Ishyaka rigizwe na:

- Abayoboke barishinze;
- Abayoboke baryinjiyemo;
- Abayoboke b'icyubahiro.

**Ingingo ya 5: Kuba umurwanashyaka**

Umuntu wese wifuza kuba umurwanashyaka abisaba kandi akabyemererwa mu buryo bwemewe n'urwego rubifitiye ububasha, yubahirije ibiri mu ingingo ya 7 y'itegeko shingiro.

Ubwo buryo bushobora kuba mu nyandiko isanzwe cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.

**Ingingo ya 6: Inshingano z'umurwanashyaka**



NOTERI
MUHIZI ALEXIS

Buri murwanashyaka agomba:

- Kubahiriza amategeko y'Ishyaka;
- Kwitabira ibikorwa by'Ishyaka;
- Guteza imbere ingengabitekerezo n'amahame by'Ishyaka;
- Guteza imbere ibikorwa byo kurengera ibidukikije;
- Guharanira demokarasi;
- Gutanga imisanzu iteganywa n'Ishyaka;
- Kurinda ubumwe n'icyubahiro by'Ishyaka.

**Ingingo ya 7: Uburenganzira bw' umurwanashyaka**

Buri murwanashyaka afite uburenganzira bwo:

- Gutora no gutorwa;
- Kwitabira inama;
- Guhabwa amakuru y'Ishyaka;
- Kujuririra ibyemezo by'ibihano.

## ICYICIRO CYA KABIRI: INZEGO Z'ISHYAKA

**Ingingo ya 8: Inzego z'ishyaka ku rwego rw'imiyoborere y'Igihugu**

Ishyaka rifite inzego ku rwego rw'Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere, Intara n'Igihugu.

Inzego z'Ishyaka zigizwe na:

- Kongere y'Igihugu;
- Biro Politiki;
- Komite Nyobozi y'Igihugu;
- Komite Nyobozi Nshingwabikorwa;
- Inzego z'urubyiruko;
- Inzego z'abagore;
- Komite Nkemurampaka;
- Komite Ngenzuzi y'Umutungo.

**Ingingo ya 9: Intego y'inzego z'urubyiruko n'abagore**

Inzego z'urubyiruko n'abagore zishyirwaho ku nzego zose hagamijwe:

- Guteza imbere uburinganire;
- Guteza imbere uruhare rw'urubyiruko n'abagore;
- Gutoza no kongerera ubushobozi abayobozi bashya;

## UMUTWE WA GATATU: AMATORA MU BUYOBOZI BW'ISHYAKA



NOTERI
MUHIZI ALEXIS

**Ingingo ya 10: Imigendekere y'amatora mu Ishyaka**

Amatora y'Ishyaka agomba kuba:

i. Mu mucyo;
ii. Mu bwisanzure;
iii. Mu buryo bwa demokarasi;
iv. Mu kuri no mu bwubahane.

**Ingingo ya 11: Ibisabwa kugira ngo umuntu atorwe**

Umukandida agomba:

1. Kuba ari umurwanashyaka wemewe n'amategeko
2. Kuba yitabira ibikorwa by'ishyaka;
3. Kuba atanga imisanzu iteganywa yaburi mwaka;
4. Kuba adafite ibihano n'indi miziro;
5. Kuba atarakatiwe n'inkiko mugihe kirenze amezi atandatu;
6. Kubahiriza amahame n'amategeko y'Ishyaka.

Kubifuza guhatanira imyanya yo mu nzego z'uturere n'Intara bagomba kuba nibura bamaze imyaka ibiri mu Ishyaka kandi bashoboye.

Abiyamamaza muri komite nyobozi y'Intara bagomba kuba barigeze kuba muri komite z'ubuyobozi ku rwego rw'Akarere no mu zindi nzego nkuru z'Ishyaka.

## UMUTWE WA KANE: IMYITWARIRE, IMYIFATIRE N'IBIHANO

**Ingingo ya 12: Imyitwarire n'imyifatire**

Umuyoboke w'Ishayaka agomaba kwirinda:

a. Ubusinzi n'ibiyobyabwenge;
b. Kurya ruswa no gucunga nabi ibyarubanda;
c. Kwisuzuguza;
d. Ubuhemu;
e. Kutarangwa n'igitugu;
f. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina iryo ariryo ryose;
g. Ibindi byose bishobora kumutesha agaciro no kugatesha ishyaka.

**Ingingo ya 13:Ibihano**

Ibihano bishobora kuba:

NOTERI
MUHIZI ALEXIS

a) Kwihanangirizwa mu magambo;
b) Kwihanangirizwa mu nyandiko;
c) Kugawa;
d) Gukurwaho inshingano;
e) Guhagarikwa by'agateganyo;
f) Kwirukanwa;

Nta muyoboke ushobora guhanwa atabanje guhabwa uburenganzira bwo kwisobanura.

## UMUTWE WA GATANU: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO N'IGENZURA

**Ingingo ya 14: Umutungo w'ishyaka**

Umutungo w'Ishyaka ugizwe n'umutungo wimukanwa n'utimukanwa.

**Ingingo ya15 (a) : Inkomoko y'umutungo w'ishyaka**

Umutungo w'Ishyaka ukomoka ku:

1. Imisanzu;
2. Inkunga za Leta;
3. Impano n'imirage;
4. Imari ikomoka ku bikorwa bitandukanye by'ishyaka;
5. Ibindi bitanyuranyije n'amategeko.

**Ingingo ya 15 (b): Umusanzu wa buri mwaka**

Umusanzu buri murwanashyaka agomba gutanga muri mwaka ni amafaranga ibihumbi bitanu [5000 Frw].

Ibi bimuhesha uburenganzia bwo gutunga ikarita iranga umurwanashyaka y'uwo mwaka.

**Ingingo ya 16: Imicungire y'umutungo n'imari by'ishyaka**

Imicungire y'umutungo n'imari by'ishyaka biri mu nshingano z'umubitsi kuri buri rwego.

**Ingingo ya 17: Inshingano z'Umubitsi**

Umubitsi afite inshingano zo gushyikiriza urwego arimo ibi bikurikira:

1. Umushinga w'ingengo y'imari ya buri mwaka;
2. Uko umutungo w'ishyaka uhagaze;



NOTERI
MUHIZI ALEXIS

3. Gahunda n'imishinga ishobora kubyazwa inyungu.

**Ingingo ya18: Igenzura ry'imikoreshereze y'umutungo**

Komite Ngenzuzi y'Umutungo ishinzwe:

a. Kugenzura imikoreshereze y'umutungo;
b. Gusuzuma raporo z'imari;
c. Gutanga inama n'imyanzuro.

**UMUTWE WA GATANDATU: INAMA, UBUVUGIZI N'INSHINGANO Z'ABAYOBOZI**

**Ingingo ya19: Iterana ry'inama no gutangaza ibyemezo by'Ishyaka**

Inama z'ishyaka ku nzego zaryo zose ziterana gusa iyo zujuje umubare wa 2/3 by'abayoboke bayigize.

Iyo umubare ngombwa w'abagize inama utabonetse, iyo nama irasubikwa ikazongera gutumizwa

igaterana nyuma y'iminsi 14 uhereye ku munsi yasubikiweho.

Ibyemezo byihutirwa bifashwe n'abayobozi bigomba kwemezwa nyuma n'urwego rubifitiye ububasha.

Abavugizi bemewe gusa ku rwego rw'igihugu ni bo bashobora gutangaza ibyemezo by'Ishyaka.

**Ingingo ya 20: Inshingano z'abayobozi**

Abahagarariye Ishyaka mu nzego zaryo bagomba:

a) Guteza imbere ingengabitekerezo y'Ishyaka;
b) Kugira uruhare rufatika mu bikorwa by'Ishyaka no gutanga raporo;
c) Kugira ibanga;
d) Kurangwa n'imyitwarire myiza n'ubunyangamugayo.

**UMUTWE WA KARINDWI: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 21: Ingingo zisoza**

Aya mategeko ngengamikorere ashobora guhindurwa na Biro Politiki cyangwa urundi rwego rubifitiye ububasha.

Yateguwe hashingiwe kuri:



NOTERI
MUHIZI ALEXIS

HISHYUWE..........RWF

1. Amategeko ngengamikorere ya DGPR yo muri Kamena 2013;
2. Amategeko shingiro mashya ya DGPR-GREEN PARTY yatangajwe mu Igazeti ya Leta No 09 Bis yo ku wa 26/02/2024.

**Ingingo ya 22: Igihe cyo gutangira gushyirrwa mu bikorwa**

Ir’itegeko ngengamikorere ritangira gushyirwa mu bikorwa rimaze kwemezwa n’Inama ya Biro Politiki y’ishyaka.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 24 Gicurasi 2026**

| | |
|---|---|
| Dr. HABINEZA Frank | MAOMBI Carine |
| **Perezida w'Ishyaka** | **Visi Perezida w’Ishyaka** |

NOTERI
MUHIZI ALEXIS

Bibonywe kugirango hemezwe umukono wa Bwana Madamu
Ushyizweho iruhande hano
Ku wa 24/05/2026